**NIYONZIMA Marthe**
**C/O Secrétariat Central**
**au MIJESPOC**

**Kigali, le 15/05/2000**

Umuyobozi w'Ishami rya Secrétariat
Central muri MIJESPOC
KIGALI

Impamvu :
Kumenyesha

Bwana Muyobozi,

Mbandikiye ngirango mbamenyeshe ikibazo kirebana na Telefoni.

Nyuma y'aho isosiyete AFRITEL idukoreye Telefoni, hari inshyashya zasigaye k'uzo bagombaga kuduha n'izindi zishaje zasimbuwe. Izo zose hamwe zari cumi n'esheshatu (16) kandi zahise zibikwa mu biro bya Central.

Ariko kuko nabonaga umutekano waho ziri ntawizeye, nabasabye ko zabikwa muri stock ya Minisiteri, bikorwa kuwa 07/03/2000. Nyuma y'aho telefoni zo mu ma biro amwe zaribwe biba ngombwa ko zisimbuzwa hamwe na hamwe. Ariko ibyo byakozwe nta réception y'ibyakozwe n'ibisigaye ibaye. Hari ikibazo kuko telefoni zibwe zisimburwa batabanje kureba niba izo nshyashya n'azo zitazibwa. Nkaba mbona iyo récéption yagombye kuba kugirango niba ari Mauvaise Installation itera ubujura ikosorwe. Ndetse n'ibisigaye gukorwa birangire.

Mbaye mbashimiye, Bwana Muyobozi, uburyo mubyakira.

Murakoze.

**La Standardiste**

**NIYONZIMA Marthe**

Bimenyeshejwe :
- Umuyobozi w'Imirimo rusange